# UMUVUNYI

Nyakanga - Nzeli 2019

MAGAZINE N° 40

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa*



GITANGIRWA UBUNTU

IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

TURWANYE AKARENGANE

TURWANYE RUSWA

ABAHAMWE N'ICYAHA CYA RUSWA



03



05



10



14



33


| | |
|---|---|
| Ubufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego mu Gukemura ibibazo by'Akarengane | 03 |
| Abadepite mu Nteko Ishingamategeko y'Ubudage bashimye uburyo Urwego rw'Umuvunyi rwakira rukanakemura Ibibazo by'Abaturage | 05 |
| Inama y'Abavunyi n'Abahuza muri Afurika y'Iburasirazuba irasanga gushyira imbaraga hamwe ari uburyo bwiza bwo gukumira Akarengane mu Karere | 10 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwasuye Akarere ka Burera mu bukangurambaga bwo gukumira no kurwanya Akarengane | 12 |
| Inyandikomvugo y'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu, yabaye ku itariki ya 19 Nzeri 2019 | 15 |
| Ihame ry'isaranganya ry'ubutaka mu Rwanda ( IGICE CYA MBERE) | 18 |
| Dusobanukirwe Ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi mu kurangiza Imanza | 21 |
| Urutonde rw´Abahamwe burundu n'Ibyaha bya Ruswa kuva muri Gashyantare kugera muri Werurwe 2019 | 23 |
| Tumenye Itegeko rya Ruswa (Igice cya Kabiri) | 28 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abashinzwe itumanaho mu bigo bya Leta n'ibyigenga ku itegeko ryo kubona amakuru. | 30 |
| Igikorwa cy'Imenyekanishamutungo ku Urwego rw'Umuvunyi (Igice cya kabiri) | 32 |
| Inkuru ishushanyije | 33 |

# UBUFATANYE BW'URWEGO RW'UMUVUNYI N'IZINDI NZEGO MU GUKEMURA IBIBAZO BY'AKARENGANE



*Umuvunyi Mukuru yakira abaturage mu karere ka Rusizi*

Kubera ko Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo guhuza umuturage n'Ubuyobozi ndetse n'iyo gusuzuma ibibazo rwagejejweho, Urwego rw'Umuvunyi rukorana n'Inzego zose zaba iza Leta cyangwa Izigenga mu gihe zarufasha kumenya ukuri ku miterere y'ikibazo runaka cy'akarengane rwagejejweho.

## Imikoranire y'Inzego z'Ibanze n'Urwego rw'Umuvunyi

Iyo Urwego rw'Umuvunyi rwasuye abaturage aho batuye muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane rwakira ibibazo bitangwa n'abaturage mu ruhame nyuma hagakorwa raporo ihabwa uturere irimo Ibibazo bigomba gukemurwa n'uturere, ibyakemutse ndetse n'iby'Urwego rw'Umuvunyi rugomba guhita ruhagurukira gukemura.

Urwego rw'Umuvunyi rugezwaho raporo n'Ubuyobozi bw'Uturere mu gihe kitarenze amezi 2 rugasesengura iyo raporo ikibazo ku kindi ndetse rukagirana inama n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge buri Munyamabanga Nshingwabikorwa agasobanura uko ibibazo byakemuwe kimwe ku kindi ndetse akaba ari n'umwanya ku Bayobozi wo kugisha inama Urwego rw'Umuvunyi ku bibazo bimwe basanzemo imbogamizi.

## Igenzura rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi mu gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo byahawe izindi nzego

Hashingiwe ku makuru aba yatanzwe n'Ubuyobozi muri raporo Urwego rw'Umuvunyi rufata umwanya wo guhamagara ku murongo wa telefoni abaturage barugejejeho ikibazo mu rwego rwo kumenya niba koko ibibazo bari bafite byarakemutse nk'uko byanditswe muri raporo cyangwa nk'uko byasobanuwe n'Ubuyobozi.

Mu gihe kandi Ubuyobozi bukomeje kugaragaza imbogamizi mu ikemurwa ry'ibibazo, Urwego rw'Umuvunyi rutanga ubufasha mu ikemurwa ry'ibyo bibazo. Icyakora igihe byagaragaye ko ari ubushake buke bw'Ubuyobozi mu gukemura ibibazo, Urwego rw'Umuvunyi rushobora gusabira uwo muyobozi ibihano byo mu rwego rw'akazi.



*Umuvunyi Mukuru akemura ikibazo cy'akarengane mu karere ka Karongi hamwe n'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze*

## Imikoranire y'Urwego rw'Umuvunyi n'Inkiko ku manza zagaragayemo akarengane

Nk'uko biteganywa n'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko mu ngingo yaryo ya 59 igika cya 3 riteganya ko ***"Iyo Urwego rw'Umunvunyi rusanze ako karengane kagaragara, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rusubirwamo. Rumushyikiriza raporo ikubiyemo imiterere y'icyo kibazo n'ibimenyetso bigaragaza ako karengane".***

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohereza Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanisha cyangwa akarwohereza mu rundi Rukiko. Aha bikaba byumvikana neza ko ibyerekeranye no kuburanisha imanza zagaragayemo akarengane ari inshingano z'Urukiko rw'Ikirenga.

## HARI INTAMBWE IMAZE GUTERWA MU GUKEMURA IBIBAZO BY'AKARENGANE DUSHINGIYE KU MIKORANIRE IRI HAGATI Y' URWEGO RW'UMUVUNYI N'IZINDI NZEGO

Abayobozi mu Nzego zitandukanye bamaze kumva akamaro ko gukemura ibibazo by'abaturage ndetse bo ubwabo bakagisha inama Urwego rw'Umuvunyi ku bibazo bimwe na bimwe cyangwa se bakarusaba kubakorera ubuvugizi mu zindi Nzego bireba kugira ngo umuturage arenganurwe cyane cyane ku bibazo biba bihuriyeho abaturage benshi.

Kwegereza Ubuyobozi Abaturage byatumye ibibazo by'akarengane bikemuka vuba kandi ku gihe ibyo bikarinda umuturage gusiragira mu Nzego Nkuru z'Igihugu. Muri rusange gahunda z'inteko z'abaturage, umuganda rusange n'izindi zunganira Urwego rw'Umuvunyi mu nshingano yarwo yo gukumira no kurwanya akarengane.

***Urwego rw'Umuvunyi***

# Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Ubudage bashimye uburyo Urwego rw'Umuvunyi rwakirarukanakemura ibibazo by'Abaturage



*Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Ubudage basuye Urwego rw'Umuvunyi*

Kuwa kane Tariki 5 Nzeri 2019, Itsinda ry'Abadepite bo mu Gihugu cy'Ubudage bayobowe na Andreas Mattfeldt basuye Urwego rw'Umuvunyi, bagirana ibiganiro n'Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda, Anastase Murekezi.

Mubyo baganiriyeho byibanze ku nshingano n'Ububasha by'Urwego rw'Umuvunyi aho Umuvunyi Mukuru yabasobanuriye ko bafite inshingano zikomeye zirimo Kurwanya ruswa n'Akarengane mu nzego za Leta n'iz'Abikorera ndetse no mu Miryango itari iya Leta.

Avuga ku bibazo by'akarengane abaturage bazana bashaka gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, Umuvunyi Mukuru yasobanuye ko babanza kureba niba umuturage yarabanje kunyura mu nzira zose ziteganywa n'amategeko mbere yuko azana ikibazo cye ku Rwego rw'Umuvunyi.

Umuvunyi Mukuru yibukije ko nubwo basaba ko imanza zagaragayemo akarengane zasubirwamo, izaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'urw'Ubujurire zo ntizirebwa n'iyi ngingo.

Impamvu zisaba ko imanza zisabirwa gusubiramo ni igihe hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso bigaragarira buri wese, n'igihe kandi hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ko mu ica ry'urubanza habayemo ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo ndetse n'igihe urubanza rudashobora kurangizwa hakurikijwe uko rwaciwe.

Depite Andreas Mattfeldt wari uyoboye Itsinda ry'Abadepite bo mu Gihugu cy'Ubudage yashimye cyane imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi kuba rwakira rukanakemura ibibazo by'abaturage maze agaragaza ko nabo mu gihugu cyabo bakemura ibibazo abaturage baba babagejejeho nk'Inteko.

Yagize ati "Nubwo twebwe mu Budage tutagira Urwego rw'Umuvunyi ariko natwe dufite Komisiyo mu Nteko Ishingamategeko y'Ubudage Ishinzwe kwakira no gukurikirana ibibazo by'abaturage."

Uru rugendo rw'Abagize Inteko Ishinga amategeko y'Igihugu cy'Ubudage mu Rwanda rwatangiye tariki 4 Nzeri rurangira tariki 6 Nzeri mu mwaka wa 2019. Ahanini rwari rugamije kwigira ku Rwanda no gusangira ubunararibonye n'Inzego za Leta uburyo zakira zikanakemura ibibazo by'abaturage.

*Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA*



# Ambasaderi wa Suwede mu Rwanda Madamu Jenny Ohlsson yasuye Urwego rw'Umuvunyi



*Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye Ambasaderi wa Suwede mu Rwanda*

Kuwa Wagatatu tariki 7 Kanama 2019, Ambasaderi wa Suwede mu Rwanda Madamu Jenny Ohlsson yasuye Urwego rw'Umuvunyi.

Mu byo yaganiriye n'Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Akarenganye, Odette YANKULIJE harimo gahunda y'imibanire isanzwe hagati y'Urwego rw'Umuvunyi ndetse n'Igihugu cya Suwede by'umwihariko Urwego rw'Umuvunyi rwa Suwede.

Mu bindi byaganiriweho harimo n'imikoranire Urwego rw'Umuvunyi rusanzwe rufitanye n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi.

Umuvunyi Wungirije yashimiye cyane Ambasaderi wa Suwede anamwizeza ko imikoranire izahora irushaho kuba myiza.

Ambasaderi wa Suwede nawe yashimye cyane uburyo Urwego rw'Umuvunyi rufasha abaturage mu gukemura ibibazo byabo anizeza Umuvunyi Wungirije ko nubwo agiye gusoza imirimo ye, azakomeza ubuvugizi ku mikoranire myiza asize.

Ubusanzwe igihugu cya Suwede nicyo cyatanze izina Ombudsman (bisobanuye umuyobozi ukorera abaturage uba ashinzwe kurwanya akarengane).

***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***



# Ubufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego mu gukurikirana ibyaha bya ruswa



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi na Prof. Philip Cotton Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza y'u Rwanda bamaze gusinya amasezerano y'ubufatanye*

Mu rwego rwo kurwanya ruswa, Leta y'u Rwanda yafashe ingamba zo gukumira no kurandura ruswa, bikagerwaho binyuze muri Politiki y'Igihugu yo kutihanganira uwo ari we wese wakira cyangwa utanga ruswa (zero tolerance policy to corruption).

Ruswa ntishobora kurwanywa gusa n'amategeko ahubwo bisaba ubufatanye hagati y'inzego, zikiyemeza kuyirandura n'abaturage ubwabo bakabigiramo uruhare. Ni muri urwo rwego, hashyizweho Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ndetse n'ubufatanye bw'Inzego zishinzwe Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha (enforcement organs) bushyirwa imbere.

Urwego rw'Umuvunyi ruteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rukaba rufite inshingano yo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego z'Ubutegetsi bwa Leta n'Izigenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko N° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi. Mu bubasha rwahawe n'Itegeko, Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bw'Ubugenzacyaha n'ubw'Ubushinjacyaha burufasha gushyira mu bikorwa inshingano zarwo; rukaba runafitanye imikoranire myiza n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB), Polisi y'u Rwanda, Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

N'ubwo Urwego rw'Umuvunyi rufite imikoranire myiza n'izo nzego, rurigenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko N° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, ingingo ya 6 y'Amasezerano Mpuzamahanga yo Kurwanya ruswa (UNCAC), ingingo ya 5 y'Amasezerano Nyafurika yo Gukumira ngo kurwanya ruswa (AUCPCC) na Jakarta Statement on principles for Anti-Corruption Agencies bishimangira ko Inzego zishinzwe Kurwanya ruswa zigomba kwigenga. Niyo mpamvu mu irangiza ry'inshingano zarwo za buri munsi, rudahabwa amabwiriza n'urundi rwego.

Mu Rwanda, hari inzego zimenyerewe mu bikorwa byo kurwanya Ruswa nka Polisi y'Igihugu, Transparency International Ishami ry'u Rwanda, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, Minisiteri y'Ubutabera, Ubushinjacyaha Bukuru n'ubwa Gisirikare zose zikorana n'Urwego rw'Umuvunyi.

Uretse izi nzego tuvuze haruguru zimenyerewe na benshi mu rugamba rwo kurandura ruswa n'akarengane hari n'izindi nzego twakwita ko zitamenyerewe cyane mu bikorwa byo kurwanya ruswa n'akarengane ariko mu by'ukuri zikaba zitanga umusanzu ukomeye muri uru rugamba. Aha twavuga Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA), Kaminuza y'u Rwanda (UR) yasinye amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi binyuze mu ishuri ryayo ry'amategeko, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NHRC) n'izindi nzego zirimo ibigo bya Leta, imiryango itari iya Leta ndetse na sosiyete sivili hamwe na Laboratwari y'Igihugu ifite ubushobozi bwo gusuzuma Ibimenyetso bya Gihanga (Forensic Labarotory of Rwanda) mu rwego rwo guca burundu ruswa n'akarengane.

## Urwego rw'Umuvunyi rusinya Amasezerano y'Ubufatanye n'ibigo binyuranye

### Ubufatanye n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB)

Mu rugamba rukomeye rwo kurwanya no kurandura imungu ya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rufitanye ubufatanye bwiza n'izindi nzego harimo Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB). Ibyo bikagaragazwa n'Amasezerano y'Ubufatanye hagati y'Urwego rw'Umuvunyi n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) yasinywe ku italiki ya 14/03/2019. Mu ngingo yayo ya kabiri (2), havuga ko Inzego zombi zizajya zisangira amakuru n'amahugurwa mu kurwanya ruswa no gukorana nk'itsinda mu iperereza (joint investigation) ku byaha bya ruswa. Byongeye, mu mikorere yarwo, iyo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye amakuru rugasanga ibyaha bitari mu bubasha bwarwo ruhita ruyohereza Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) kugira ngo akurikiranwe ababigizemo uruhare bashyikirizwe Ubutabera.

Iyi mikorere n'imikoranire myiza ikaba ishimangirwa n'Itegeko N° 12/2017 ryo ku wa 07/04/2017 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha aho ingingo ya 34 ivuga ko mu kurangiza inshingano zayo, RIB ikorana n'inzego zishinzwe umutekano, iz'ubutabera n'iz'ubutegetsi mu Gihugu no ku rwego mpuzamahanga hagamijwe guhererekanya amakuru, gukurikirana no gufata abakekwaho ibyaha.

### Ubufatanye na Polisi y'Igihugu (RNP)

Urwego rw'Umuvunyi rufitanye imikoranire myiza na Polisi y'u Rwanda, by'umwihariko Urwego rushinzwe imyitwarire y'abapolisi no kurwanya ruswa (Department of Inspectorate of Police Services and Ethics). Ibi bigaragazwa n'Amasezerano y'Ubufatanye hagati y'Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y'u Rwanda yo ku wa 05/03/2019.

Ingingo yayo ya kabiri (2) iteganya ko izi nzego zombi zizajya zisangira amakuru n'amahugurwa mu kurwanya ruswa, ubufatanye mu kurinda umutangabuhamya n'umutangamakuru. Urwego rw'Umuvunyi rufitanye kandi imikoranire myiza na Polisi y'Igihugu igihe rugiye gufatira mu cyuho (Caught red-handed) abakekwaho ibyaha bya ruswa cyangwa imicungire yabo igihe bafunzwe by'agateganyo.



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi asinya amasezerano na Col. Jeannot Ruhunga uyobora RIB*



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi nyuma yogusinya amasezarano n'Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Forensic Laboratory, Dr. Sinayobye François*



*Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi nyuma yogusinya amasezarano n'Umuyobozi wa NHRC, Madamu Nirere Madeleine*

Ubufatanye bwa Polisi y'Igihugu n'izindi nzego mu kurwanya ibyaha bugaragara mu Itegeko N° 09/2017 ryo ku wa 20/03/2017 rihindura kandi ryuzuza itegeko N° 46/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rigena ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda, ingingo ya 15 ivuga ko Polisi y'u Rwanda ikorana n'izindi nzego, ikanahererekanya na zo amakuru mu rwego rwo kubungabunga umutekano.

## Ubufatanye n'Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA) n'ubwa Gisirikare

Urwego rw'Umuvunyi rufite imikoranire n'ubufatanye bwiza n'Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA) n'ubwa Gisirikare mu gukurikirana ibyaha nk'uko biteganywa n'Itegeko No 76/2013 of 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi; ingingo yaryo ya 34 ivuga ko mu mikoranire y'Urwego n'izindi nzego z'Ubushinjacyaha, ihame ari uko dosiye z'inshinjabyaha zoherezwa mu Bushinjacyaha Bukuru cyangwa mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare. Icyakora, Urwego rushobora gushinja dosiye iri mu nshingano zarwo kandi rukabimenyesha Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare. Iyo rusanze iyo dosiye ikurikiranwa n'urundi rwego rw'Ubushinjacyaha, Urwego ruyirekera ubwo bushinjacyaha. Urwego rushobora gusaba ubufatanye n'urundi rwego rw'Ubushinjacyaha mu gukurikirana dosiye. Rushobora kandi kohereza izo nzego dosiye rwakurikiranaga.

Mu by'ukuri Urwego rw'Umuvunyi rufitanye imikoranire myiza n'izindi nzego (RIB, RNP, NPPA, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare) mu gukurikirana ibyaha kubera ko urugamba rwo gutsinda burundu icyorezo cya ruswa rusaba ubufatanye bukomeye hagati y'Inzego zitandukanye kandi "Ubumwe nizo ngufu". Ni ngombwa kandi kwibutsa ko mu gukoresha ububasha bw'Ubugenzacyaha cyangwa Ubushinjacyaha bwahawe Urwego rw'Umuvunyi, ihame ari uko dosiye z'inshinjabyaha zoherezwa mu Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare; ari yo mpamvu Inama y'Abavunyi yatanze umurongo ku madosiye akurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Kugeza uyu munsi u Rwanda ruri mu bihugu bifite inzego zikorana neza kandi bikaba bibyara umusaruro, iyi ikaba imwe mu mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rutasigaye inyuma mu gushyiraho imikoranire ihamye hagati yarwo n'ibindi bigo. Izi nzego zifitanye amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi.

Ubu bufatanye Urwego rw'Umuvunyi rugirana n'izindi nzego ntibugarukira ku butaka bw'u Rwanda gusa ahubwo rwifuza kugeza ubunararibonye bwarwo mu bindi bihugu ndetse no kurushaho kwigira ku bihugu bimaze gutera intambwe ikomeye mu kurwanya ruswa n'akarengane.

***UMWANDITSI: SAFARI Amri***



# Inama y'Abavunyi n'Abahuza muri Afurika y'Iburasirazuba irasanga gushyira imbaraga hamwe ari uburyo bwiza bwo gukumira Akarengane mu Karere




*Abavunyi muri Afurika y'Iburasirazuba, abayozi n'abakozi ku Urwego rw'Umuvunyi bitabiriye Inama*

Kuwa gatanu Tariki 13/09/2019, abagize Ihuriro ry'Abavunyi n'Abahuza mu bihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba; AOMA, East Africa Region) riyobowe n' Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda Anastase Murekezi, bateraniye i Kigali mu Rwanda bagamije guhanahana no gusangira ubunararibonye bw'Ibihugu mu gukumira ruswa n'akarengane bigamije gushimangira imiyoborere myiza n'ubufatanye/ Strengthening good governance and Cooperation in the Region.

Afungura iyi nama Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda akaba n'Umuyobozi w'iri Huriro, Anastase Murekezi yashimye cyane abitabiriye iyi nama ku cyizere bamugiriye bamugira umuyobozi w'iri huriro. Yavuze ko iyi nama igamije kuganira bakungurana ibitekerezo no gusangira ubunararibonye.

Yagize ati "Iyi nama twayitumije mu rwego rwo gusangira ubunararibonye n'ibyiza byakozwe ahandi ngo buri gihugu kibe cyabyigiraho, tugashyiraho ingamba zihamye zo gukemura ibibazo bihari. Ni uburyo bwiza kandi bwo gushyira hamwe imbaraga tugakumira ndetse tukarwanya n'akarengane mu karere."

U Rwanda, Kenya na Tanzaniya banagaragaje raporo y'ibikorwa byabo by'igihembwe aho buri gihugu cyagiye kerekana ibyo cyakoze by'umwihariko mu gukumira akarengane.

Iyi nama iteganyijwe mu Itegeko rishyiraho umuryango wa AOMA, mu ngingo yaryo ya 11, igaragaza ko mu muryango wa AOMA habamo amahuriro y'ibihugu agamije gufasha koroshya ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bifatwa muri uyu muryango.

Iyi nama yashimangiye itangazo riherutse gushyirwa ahagaragara n'Umunyamabanga Mukuru wa AOMA ryamagana ubugizi bwa nabi bwibasiye Abanyamahanga muri Afurika y'Epfo mu mujyi wa Johannesburg no mu Murwa Mukuru Pretoria bukorwa n'Abenegihugu bashinja Abanyamahanga kubatwarira akazi bigatuma bo baba abashomeri n'abakene.

Ubusanzwe ibihugu bigize AOMA East Africa Region birimo Ethiopia, Kenya, Tanzania, Rwanda, Uganda.

Iyi nama ya mbere y' Ihuriro ry'Abavunyi n'Abahuza mu bihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba yitabiriwe n' Umuvunyi Mukuru w'U Rwanda Anastase Murekezi ari




*Bwana Mussa wo muri komisiyo y'uburenganzira bwa muntu muri Tanzania, Anastase Murekezi (hagati) na madamu Florence Kajuju, Umuvunyi Mukuru wa Kenya*

nawe wari uyoboye iyi nama, Umuvunyi Mukuru wa Kenya akaba n'Umunyamabanga Mukuru wa AOMA Madamu Florence KAJUJU, Bwana Mbwana Mussa, Ushinzwe iperereza muri Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu n'Imiyoborere Myiza muri Tanzaniya. Iyi nama yitabiriwe Kandi n'Abavunyi bungirije mu Rwanda Bwana MUSANGABATWARE Clement, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no Kurwanya Ruswa, Madamu YANKULIJE Odette, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Akarengane n'abandi bakozi baturutse muri Kenya no mu Rwanda.

***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***





# U Rwanda rwifatanyije na Afurika mu Kwizihiza Umunsi Nyafurika wo Kurwanya Ruswa



*Abitabiriye umunsi Nyafurika wo Kurwanya Ruswa wabereye mu Karere ka Nyamagabe*

Kuwa 12 Nyakanga 2019, nibwo mu Rwanda hizihijwe Umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa. Ibi birori byabereye mu Karere ka Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo. Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda Bwana Murekezi Anastase yasabye abaturage muri rusange kujya batanga amakuru kuri ruswa no kunyurwa n'ibyemezo biba byafashwe n'inzego ku bibazo byabo.

Insanganyamatsiko y'uyu munsi igira iti: "Dufatanye Kugaruza umutungo ukomoka kuri ruswa, twibanda mu kurwanya ruswa n'akarengane"

Ni umunsi mukuru witabiriwe n'Abayobozi batandukanye mu nzego nkuru z'ubutegetsi barimo Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ushinzwe imibereho myiza y'abaturage ari nawe mushyitsi mukuru. Hari kandi Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Urwego rw'Imiyoborere, Umuvunyi Mukuru, Abavunyi Bungirije, Abahagarariye Inzego z'Ubutabera, Abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, abayobozi b'uturere mu ntara y'Amajyepfo n'Imiryango itari iya Leta.

Muri iyi nama Umuvunyi Wungirije YANKULIJE Odette, yasobanuye impamvu Urwego rw'Umuvunyi rumanuka rukegera abaturage mu turere, ko ari ukugirango rwumve runakemure ibibazo byabo. Ati: "Urwego rw'Umuvunyi nta mashami rufite muri buri turere niyo mpamvu buri mwaka tugira aho dusura tukabahugura mu kurwanya ruswa n'akarengane kandi tukakira ibibazo tuhasanze tukabishakira inzira byabonerwamo ibisubizo."

Umuvunyi Mukuru, Murekezi Anastase yashimangiye ko mu nzego zimwe z'igihugu harimo ruswa cyane cyane mu itangwa ry'amasoko. Yasabye abaturage gusobanukirwa ko bafite inshingano mu gutanga amakuru kuri iki cyorezo kimunga ubukungu bw'igihugu, bigahindukira bikagira ingaruka mbi ku baturage.

Ati "mugomba gutanga amakuru mutishisha, mudafite ubwoba, mudafite isoni. Ntawe ubasubiza inyuma mu gutanga amakuru kuri ruswa kuko umuyobozi wagombaga kurya ruswa niyumva ko abaturage mwahagurukiye gutanga amakuru azagira ubwoba bwo gukomeza kurya ruswa, niwo muti uhamye wo kuyirwanya."

Agaruka ku ngaruka ruswa itera abaturage, Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi yagize ati "Bituma inyubako zagenewe abaturage zisubirwamo mu myaka ibiri cyangwa itatu kandi zaragombaga kumara imyaka 20 ari nzima. Turahamagarira abaturage kuduha amakuru yose arebana na ruswa n'akarengane mu nzego z'ibanze no mu nzego bwite z'igihugu."

Icyakora abaturage nabo bagarutsweho cyane muri iki gikorwa. Abayobozi bavuze ko abaturage batishimira imyanzuro iba yafatiwe ibibazo byabo kubera kumva ko buri muyobozi babonye bajya bamugezaho ibyo bibazo kandi bimwe biba byarakemuwe.

Muri rusange, ibiganiro byatanzwe ku ngingo ebyiri nkuru. "Uruhare rw'Umuturage mu igenamigambi no gukemura amakimbirane" na "Ruswa mu nzego z'ibanze n'ingamba zo kuyirwanya." Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo bemera ko hari intambwe imaze guterwa mu gukuumira no kurwanya ruswa n'akarengane ndetse hakaba hafashwe imyanzuro igera kuri 15 yose igamije kuyirandura burundu.
Umunsi Nyafurika wahariwe kurwanya ruswa wizihijwe ku rwego rwa Afurika taliki 11 Nyakanga 2019, nyamara u Rwanda rwo rwawizihije taliki 12 Nyakanga mu Ntara y'Amajyepfo mu rwego rwo kurwanya ruswa hagaruzwa umutungo uyikomokaho.

Uyu munsi wateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye na Transparency Interntional Rwanda, RGB. Watewe Inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Iburayi (European Union).

***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***



# KUGARUZA UMUTUNGO WA LETA BIKOMEJE KUBA INTEGO

Guhera ku wa mbere 26/08/2019 Umuryango w'ihanahanamakuru uhuza ibigo bishinzwe kugaruza umutungo no kurwanya iyezandonke mu burasirazuba bwa Afurika (ARIN-EA) ku nkunga ya GIZ-Kenya wahuguye abagenzacyaha ndetse n'abafite aho bahuriye no kugaruza umutungo wa Leta mu Rwanda.

Aba bagenzacyaha bagera kuri 41 bahuguwe mu gihe cy'iminsi 5 baturutse mu bigo binyuranye birimo RIB, Ubushinjacyaha bukuru, Urwego rw'Umuvunyi, Polisi y'Igihugu no muri Minisiteri y'Ubutabera.


Atangiza aya mahugurwa ku Mugaragaro, **MUSANGABATWARE Clément**, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa yavuze ko kugaruza umutungo ari ingenzi kandi ko aya mahugurwa ari umwanya mwiza wo gutyaza ubwenge mu rwego rwo kurushaho kuba abanyamwuga mu kazi k'ubugenzacyaha no kugaruza umutungo w'Igihugu Bimwe mu byo aba bagenzacyaha bahuguwemo harimo Money Laundering, Obtaining and Overseas Intelligence, Financial Investigation and Case Management, Parallel Investigations in economic crimes, International Cooperation & mutual legal assistance, asset freezing ndetse n'ibindi.

Tariki ya 06 Ugushyingo 2013 ni bwo ARIN-EA nk'umuyoboro w'ihanahanamakuru ku byaha by'iyezandonke watangirijwe i Kigali ku mugaragaro hagamijwe guhashya abantu bakora ibikorwa binyuranye n'amategeko mu bihugu biri mu burasirazuba bwa Afurika.

Kugeza ubu ARIN-EA igizwe na Djibouti, Ethiopia, Kenya, Burundi, Rwanda, Sudan y'epfo, Tanzania na Uganda.



*Inzego zinyuranye zahuguwe ku kurwanya iyezandonke*



***UMWANDITSI: SAFARI Amri***

# Urwego rw'Umuvunyi Rwasuye Akarere ka Burera mu bukangurambaga bwo gukumira no kurwanya Akarengane



*Umuvunyi Mukuru aganira n'abaturage mu Karere ka Burera*

Guhera kuwa kabiri 24/09/2019 Urwego rw'umuvunyi rwasuye Akarere ka Burera mu Ntara y'Amajyaruguru muri gahunda yo gukemura ibibazo by'abaturage mu mirenge yose igize Akarere ka Burera.

Iki gikorwa cyatangijwe n'Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi mu murenge wa Kinyababa tariki 25/09/2019 ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Burera Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Iterambere ry'Akarere n'abandi bakozi bo ku Rwego rw'Umuvunyi nabo mu Karere ka Burera n'Umurenge wa Kinyababa.

Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi yasobanuriye abaturage inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi avuga ko inshingano nyamukuru ari Ugukumira no Kurwanya ruswa n'akarengane.

Yibukije abaturage ko Ruswa igaragarira mu myitwarire myinshi aho umuturage ashobora kubuzwa uburenganzira bwo kugenerwa ubufasha yemerewe na Leta kubera ko atishoboye, yakwakwa ruswa ngo abubone bityo akaba ahuye n'akarengane.

Yagize ati: Birashoboka ko hari ushobora kugusaba ruswa ngo akunde agushyire ku rutonde rw'abazahabwa inka muri gahunda ya Girinka ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yahaye abanyarwanda, ariko kubera ko bakwatse Ruswa (ikiziriko) ntuyibone ukabura iyo nka gutyo, murumva ko umuturage aba ahombye."

Umuvunyi Mukuru Kandi yibukije aba baturage ko aho babonye imyitwarire nk'iyi iganisha kuri ruswa bakwiye kubimenyesha inzego zibishinzwe.

Yagize ati: "Murasabwa kujya mutanga amakuru mwerekana abo babaka ruswa; mushobora no kumenyesha inzego nka RIB; Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha, mwabimenyesha Police cyangwa Urwego rw'Umuvunyi kuri Telephone itishyurwa 199 cyangwa se mukatwoherereza ubutumwa kuri 1990"

Umuvunyi Mukuru kandi yanahaye umwanya abaturage babaza ibibazo by'akarengane bahuye nako.

Abenshi bibanze ku makimbirane ashingiye ku butaka, aho batanze ingero z'abambuwe amasambu n'Akarere kakubakaho amashuri, nyuma kabaguranira mu gishanga biza kugaragara ko ibishanga leta yabisubiranye bityo ntibahabwa ahandi.

Uretse aha mu murenge wa Kinyababa, Abavunyi bungirije, abayobozi n'abakozi, bigabanyijemo amatsinda bagenda bajya mu mirenge igize Akarere ka Burera, bafatanyije n'abakozi b'Akarere nabo mu mirenge bagenda icyumweru cyose bumva ibibazo by'abaturage, bakagerageza no kubishakira umuti unogeye abaturage kandi unyuze mu mucyo.

***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***



# INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE KU RWEGO RW'IGIHUGU, YABAYE KU ITARIKI YA 19 NZELI 2019

Ku itariki ya 19 Nzeli 2019, muri Lemigo Hotel i Kigali, hateraniye inama y'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu(NACACI), iyoborwa n'Umuvunyi Mukuru akanaba Umuyobozi wayo, Anastase Murekezi.

## I. INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama iheruka ya NACACI;
2. Ibibazo bya ruswa n'akarengane byagaragaye ku Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2018-2019;
3. Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka wa 2017-2018 ku micungire y'umutungo wa Leta muri REB;
4. Inama ya 10th Commonwealth Regional Conference of Heads of Anti-Corruption Agencies in Africa/ Kigali/ May 2020;
5. Inama ya African Union Advisory Board on Corruption with Theme " Towards a common African Position on Assets Recovery", Kigali/ October 2019;
6. AOB.

## II. UKO INAMA YAGENZE

| Nº Y'ICYAGANIRIWE | UMWANZURO | URWEGO RUGOMBA KUWUSHYIRA MU BIKORWA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|
| 1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama iheruka yo ku wa 21 Kamena 2019 | Kunoza imirongo ngenderwaho kuri vetting ku masoko Manini ya Leta irimo gutegurwa na RPPA, ikazaganirwaho mu nama itaha ya NACACI | RPPA | Ukuboza 2019 |
| | Kwandikira Inzego zigize NACACI zimenyeshwa ko abagize Akanama ka Tekinike kayo bashyizwe mu Itsinda rihoraho rikurikiranira hafi imiterere ya ruswa mu Rwanda; hakongerwamo abahagarariye RIB, RGB na Transparency International Rwanda | Urwego rw'Umuvunyi | Ukwakira 2019 |

| Nº Y'ICYAGANIRIWE | UMWANZURO | URWEGO RUGOMBA KUWUSHYIRA MU BIKORWA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|
| 2. Ibibazo bya ruswa n'akarengane byagaragajwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2018-2019 | Muri gahunda yo gusura abaturage mu Mirenge (Anti-Injustice Campaign), hajya hasurwa Uturere twose buri mwaka, hagatoranywa Imirenge igaragaramo ibibazo byinshi ikaba ariyo isurwa | -Urwego rw'Umuvunyi<br>-MINALOC | Buri kwezi |
| | Gukemura ibibazo by'abaturage bikwiye kujya mu Imihigo y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze | -MINALOC<br>-Inzego z'Ibanze | Buri gihe hategurwa Imihigo y'Inzego z'Ibanze |
| | Gukora ubukangurambaga ku baturage mu rwego rwo kubamenyesha amategeko hirindwa ko abaturage bamburwa na ba rwiyemezamirimo babakoresha ntibabahembe kandi bakirinda kwamburwa na za Sosiyete za baringa zibambura zikoresheje ubushukanyi | -MINALOC<br>-MINIJUST<br>-RNP | Ukuboza 2019 |
| | Kugaruza umutungo wanyerejwe bigomba gukorwa n'Inzego zose | Izindi nzego za Leta, Iz'Abikorera n'Imiryango itegamiye kuri Leta | Buri gihe |
| 3. Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka wa 2017-2018 ku micungire y'umutungo wa Leta muri REB | Hakwiye kubaho inyigo zicukumbuye mbere yo gutanga amasoko cyangwa kwinjira muri gahunda zitandukanye mu rwego rwo kwirinda ko gahunda zitangira zitateguwe neza bikabyara igihombo | - MINEDUC<br>- REB | Buri gihe |
| | Hakwiye kubaho gahunda y'ibikorwa (action plan) y'uburyo ibibazo byagaragaye muri raporo ya OAG bizakemuka hakanagaragazwa igihe bizakemurirwa | REB | Ukuboza 2019 |
| | Ibigo by'Uburezi bigomba gukora neza ibijyanye n'imicungire y'umutungo kuko ari byo soko y'abakozi bomu Nzego zose mu gihe kizaza | -MINEDUC<br>-REB | Buri gihe |

| Nº Y'ICYAGANIRIWE | UMWANZURO | URWEGO RUGOMBA KUWUSHYIRA MU BIKORWA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|
| 4. Inama ya 10th Commonwealth Regional Conference of Heads of Anti-Corruption Agencies in Africa/ Kigali/ May 2020 | Gukomeza kunoza imitegurire y'iyi nama no kuzagaragaza mu nama itaha aho imitegurire yayo igeze | Urwego rw'Umuvunyi | Ukuboza 2019 |
| | Proposed Theme y'iyi nama, yakohererezwa Commonwealth Secretariat, yaba iyingiyi: "Corruption undermining Sustainable Development in Africa" | Urwego rw'Umuvunyi | Nzeri 2019 |
| 5. Inama ya African Union Advisory Board on Corruption with Theme "Towards a common African Position on Assets Recovery", Kigali/ October 2019 | Kwihutisha ibikenewe gukorwa mu rwego rwo gutegura neza iyi nama, kandi inzego zihagarariwe muri NACACI zikazayitabira | Urwego rw'Umuvunyi | Nzeri 2019 |

**Umwanditsi**

**Emelyne Umurungi**

**Umunyamabanga wa NACACI**

**Sé**

**Umuyobozi w'Inama**

**Anastase Murekezi**

**Umuvunyi Mukuru/Umuyobozi wa NACACI**

**Sé**

# Ihame ry'isaranganya ry'ubutaka mu Rwanda ( IGICE CYA MBERE)

## Amategeko ateganya iki ku Isaranganya?

Mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo zigaragara mu ngingo ya 4, y'itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, mu bibazo Urwego rw'Umuvunyi rwagiye rwakira harimo ikibazo kijyanye n'isaranganya ry'amasambu mu gihugu mu myaka itandukanye ariko byumwihariko cyagaragaye cyane mu ntara y'Iburasirazuba. Ibibazo byinshi by'ubutaka bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'isaranganya ry'amasambu usanga hari abaturage bamwe na bamwe badafite imyumvire imwe kuri ryo.

Mu gice cya kabiri cy'iyi nyandiko tuzabagaragariza ibibazo bitandukanye byagaragaye mu bijyanye n'isaranganya ry'amasambu mu Rwanda cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba n'uruhare Urwego rw'Umuvunyi rwagize mu gukemura amakimbirane yagiye avuka hashingiwe ku byakozwe mu gihe cy'isaranganya ry'amasambu.

Mu gusesengura ikibazo cy'isaranganya ry'amasambu cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba hari byinshi wakwibaza nk'impamvu nyamukuru ituma muri iyo ntara ariho bigaragara byinshi kuruta ibindi bice by'igihugu cy'u Rwanda.

Igihita kiza nk'igisubizo kuri iki kibazo n'uko ahanini mu Ntara y'Iburasirazuba ariho nyuma y'umwaka wa 1994 hari hakiri ubutaka bunini budatuweho kuko igice kinini cy'icyahoze ari Intara y'Umutara cyari kigizwe na Pariki y'Akagera. Ibi byatumye mu gutuza abanyarwanda bari bahungutse mu mwaka wa 1994 na nyuma y'aho ariho hantu habereye igikorwa cy'isaranganya ry'amasambu ikindi n'uko muri iki gice niho habanje kuba amahoro mbere y'ibindi bice by'Igihugu.

Icyahoze ari Intara y'Umutara kandi ni ahantu h'umurambi habereye gukorera ubworozi bityo abanyarwanda benshi bahungukanye inka zabo bashakaga aho kuziragira bituma bahagana haba ahantu h'ubworozi ibi bikaba nyuma mu myaka ya 2012-2014 byaraje no kuvamo ikibazo cy'uko aborozi baje gusanga babangikanye n'abahinzi bityo haza kuvuka ikibazo cy'abahinga ubutaka bwagenewe ubworozi ibyo bikaba byari bihabanye n'ibyari bikubiye muri politiki y'imikoreshereze y'ubutaka yatanzwe na Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine muri Gashyantare 2004 aho iyi politiki yagaragazaga uburyo bw'imikoreshereze y'ubutaka, ahagomba guhingwa ndetse n'ahagomba gukorerwa ubworozi.

## Ariko se amategeko ateganya iki ku bijyanye n'isaranganya ry'ubutaka?

1.Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka 2003 ryavuguruwe mu mwaka 2015, mu ngingo ya 35: iteganya ko ***"Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta. Itegeko rigena uburyo bwo kubutanga, kubuhererekanya no kubukoresha".***

2. Itegeko Ngenga N° 03/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rikuraho Itegeko Ngenga N°08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda. Mu ngingo yaryo ya 27 riteganya ko "Imicungire y'ubutaka ku rwego rw'igihugu ikorwa hakurikijwe itegeko ryerekeye igenamigambi ry'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka mu Rwanda. Ubukode bw'ubutaka bwose kimwe n'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka bigomba gukurikiriza ibishushanyombonera by'imikoreshereze y'ubutaka by'aho ubwo butaka buherereye.

3. Itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga Ubutaka mu Rwanda
Cyane cyane Ingingo yaryo ya 10 iteganya ko "Ubutaka bw'umuntu ku giti cye bugizwe n'ubutaka atunze ku buryo bw'umuco cyangwa ubw'amategeko yanditse. Ubwo butaka abutunze yarabuhawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ubwo yaguze, yahaweho impano, umurage, izungura, umunani, ingurane cyangwa isaranganya".

Ingingo yaryo ya 68 yo iteganya ko "Isaranganya ry'ubutaka ryakozwe hagati y'umwaka wa 1994 n'itariki ya 30 Kamena 2012, ubwo iyandikisha

ry'ubutaka rya mbere ryasozwaga, ryemewe n'amategeko. Abatunze ubutaka bwasaranganijwe muri icyo gihe, babufiteho uburenganzira nk'ubw'ababubonye ku bw'umuco.

Umuntu wari wujuje ibisabwa n'amategeko mu gihe isaranganya ry'amasambu ryari ryemewe akaba atarasaranganyijwe muri icyo gihe kubera ko atari mu Gihugu, ashobora gusaba gutuzwa na Leta. Ubusabe bwe bushyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere ubutaka bwe bwari buherereyemo. Ibijyanye n'isaranganya ntibitangirwa indishyi cyangwa ingurane.

Iyi ngingo ya 68 isobanura neza iby'ihame ry'isaranganya ry'ubutaka kandi ikagaragaza agaciro k'Ihame ry'isaranganya ry'amasambu.
Itegeko Ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda mu ngingo yaryo ya 87, ryateganyaga ko" Abantu bavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka, Leta ifite inshingano zo kubabonera ubundi butaka.

"Isaranganya ry'amasambu" rikaba ryaravutse kubera ikibazo cy'uko abanyarwanda bagiye bameneshwa bagahunga Igihungu cyabo guhera mu myaka ya 1959 kugeza mu myaka ya 1994 mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi. Mu gihe cyo kugaruka mu gihugu nyuma ya Jenoside buri munyarwanda wese yagombaga kugira aho atura; Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda mu gukemura icyo kibazo hashyizweho ihame ry'isaranganya ry'amasambu kugira ngo buri munyarwanda wese abone aho gutura.

Iri tegeko Ngenga kandi riteganya ko *"Bitabangamiye ingingo ya 20 y'iri Tegeko Ngenga ivuga ku butaka budashobora kugabanywa, isaranganya ry'amasambu ryakozwe kuva mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo icyenda na kane (1994) ryemewe n'iri Tegeko Ngenga. Abaturage batunze ubwo butaka babufitiye uburenganzira kimwe nk'abandi bose bakomora ubutaka bariho ku bw'umuco. Ibijyanye n'isaranganya ry'amasambu rivugwa muri iyi ngingo ntibitangirwa indishyi iteganywa n'iri Tegeko Ngenga".* Bityo hashyizweho Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, rigena uburyo isaranganywa ry'amasambu rikorwa.

5. Iteka rya Minisitiri N°001/16.01 ryo ku wa 26/04/2010 Rigena Uburyo Isaranganya ry'amasambu rikorwa cyane cyane mu ngingo za 3,4,8,10,11,12,14 riteganya ko "isaranganya ry'amasambu rikorwa hagendewe ku bintu bikurikira: Abarebwa n'isaranganya ry'amasambu riteganijwe n'iri teka; ibisabwa kugira ngo habe isaranganya ry'ubutaka ; igikorwa iyo isaranganya rirangiye, uburyo iyandikisha ry'isambu yasaranganijwe rikorwa, igihe isaranganya rizarangirira n'uburyo bwo gukemura impaka zose zivutse kubera isaranganya.

Ingingo ya 3 y'iri teka iteganya ko" Isaranganya riteganijwe rikorwa hagati y'uwavukijwe uburenganzira ku butaka yari atunze mbere yo guhunga kubera impamvu za politiki mu bihe bitandukanye byashize kugeza mu 1994 n'utunze iyo sambu ubu".

Naho ingingo yaryo ya 4 igateganya ko "Umuntu usaba gusaranganya isambu agomba kuba nta yindi sambu afite yahawe mu buryo bw'isaranganya cyangwa yahawe na Leta mu rwego rwo gutuzwa".

Ingingo ya 8 yo iteganya ko" Abasaranganya bagabanyamo kabiri isambu ku buryo bungana; usanzwe atuye muri iyo sambu agahitamo mbere. Iyo abakoresha isambu barenze umwe, uwahoze atunze isambu mbere y'uko ahunga n'abayikoresha baragabana bakaringaniza.

Iyo inyubako n'ibikorwa by'usaba gusaranganya bikiri mu isambu, usaba gusaranganya, afata igice cy'isambu inyubako n'ibikorwa biherereyemo. Iyo inyubako n'ibikorwa by'usaba gusaranganya asanze bikiri mu isambu bifitwe n'umuntu wabihawe n'inzego za Leta zibifitiye ububasha, kandi uwabihawe hari ibindi yongeyeho; icyo gihe: 1º Ibyakozwe na buri ruhande birabarwa; 2º uruhande rwashyizeho ibifite agaciro kanini kurusha urundi nirwo ruhabwa uburenganzira bwo gufata igice cy'isambu giherereyemo inyubako n'ibindi bikorwa; 3º Uruhande rwahawe inyubako cyangwa ibindi bikorwa rutanga ingurane y'amafaranga y'ibyabazwe ko byakozwe n'urundi ruhande. Iyo usaba gusaranganya yasize ishyamba akarisanga, abasaranganya bahagabanyamo kabiri usanzwe utuye muri iyo isambu agahitamo mbere.

Abasaranganijwe bagomba gukoresha ubutaka basaranganijwe nta kubangamirana. Umuntu ufite isambu ye bwite akaba kandi atunze ubutaka burebwa n'isaranganya, asubiza ubutaka bwose burebwa n'isaranganya akagumana ubwe gusa. Iyo yahuje isambu ye n'isambu isaranganywa akazikoresha zose hamwe mu gihe cy'isaranganya bagabana ya sambu izibumbye bakaringaniza. Ubutaka busaranganijwe ntibwemewe kugurishwa mbere y'uko bwandikwa

mu iyandikisha ry'ubutaka rya mbere riteganywa n'itegeko.

Ingingo ya 10: Igika cya 2 iteganya ko Iyo umwe mu basaranganijwe atishimiye uko isaranganya ryakozwe, yandikira Perezida wa Komisiyo y'Ubutaka mu Karere mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere icyemura ikibazo yagejejweho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Ingingo ya 11: Iyandikisha ry'amasambu yasaranganijwe rikorwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'iyandikisha ry'amasambu.

Ingingo ya 12: Isaranganya ry'amasambu riteganijwe n'iri teka rikorwa kugeza igihe igikorwa cyo kwandika ubutaka ku nshuro ya mbere mu Rwanda kirangiriye. Nyuma y'icyo gihe, abazaba bujuje ibisabwa abasaba isaranganya bakaba batarasaranganijwe kubere impamvu nko kuba batari mu gihugu mu gihe giteganywa n'iri teka, bashobora gusaba ingurane k'urwego rw'Akarere ubutaka bwabo bwari buherereyemo. Urwego rw'Akarere rubashakira ubundi butaka.

Ingingo 14 y'iri Teka iteganya ibyo Gukemura impaka Impaka zose zivutse kubera isaranganya ry'amasambu zikemurwa ku rwego rwa mbere na Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere iyo sambu iherereyemo. Iyo impaka zidakemutse, zishyikirizwa Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Igihugu. Iyo zidakemutse, zishyikiririzwa inkiko zibifitiye ububasha mu Gihugu. Ingingo ya 15 :Ibyerekeye indishyi Isaranganya ry'amasambu rivugwa muri iri Teka ntiritangirwa indishyi.


Urwego rw'Umuvunyi rwagiye rugezwaho ibibazo n'abaturage batandukanye baturuka mu gihugu hose ariko wabisesengura ugasanga hari aho bihuriye n'uburyo isaranganya ry'amasambu ryagiye rishyirwa mu bikorwa rimwe na rimwe binyuranyije n'ihame uko ryavuzwe mu ngingo zavuzwe haruguru.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abaturage Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye byerekeye isaranganya, ntirushobora guhindura imyanzuro yafashwe n'inzego z'ubuyobozi mu gutuza Abanyarwanda. Icyakora hashingiwe ku kwimakaza no gushimangira ubumwe n'ubwiyunge, abafite ibi bibazo bashishikarizwa kubana n'abo basaranganyijwe mu mahoro.

Inzego z'Ubuyobozi bw'Ibanze nabwo bugasabwa gukemura ibyo bibazo hakoreshejwe ubukangurambaga bugamije kumvikanisha abaturage kugira ngo birinde gukururana mu manza z'urudaca kuko inkiko zidashobora gukuraho isaranganya ryakozwe n'Inzego zibifitiye ububasha. Mu Kinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi Magazine no 41, tuzabagezaho ibyiciro by'ibibazo by'isaranganya ry'amasambu mu mwiharko w'Intara y'Iburasirazuba.

***Umwanditsi: NIYONSABA Béatrice***





# Dusobanukirwe Ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi mu kurangiza Imanza

Ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi mu kurangiza imanza buteganyijwe mu Itegeko N° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi. Ingingo yaryo ya 16 igaragaza ko bisabwe n'Umuvunyi Mukuru cyangwa umusimbura we, abakozi b'Urwego bahabwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ububasha bw'abahesha b'inkiko mu gihugu hose. Urwego rukoresha ubu bubasha ari uko inzego zibishinzwe zitakoze inshingano zazo ku gihe nyuma y'uko bisabwa mu nyandiko n'Urwego.

## NI RYARI URWEGO RW'UMUVUNYI RURANGIZA URUBANZA?

Nk'uko iyi ngingo ibigaragaza Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bwo kurangiza imanza, ariko rukoresha ubwo bubasha ari uko inzego zibishinzwe zitakoze inshingano zazo. Icyo gihe, Urwego rw'Umuvunyi rusaba Abahesha b'Inkiko bari bagejejweho ikibazo mbere kurangiza imanza bashyikirijwe, batabikora bakabazwa impamvu zatumye batabikora, bakaba banabihanirwa iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze impamvu batanga nta shingiro zifite. Icyo gihe ni bwo Urwego rw'Umuvunyi rushobora kurangiza urwo rubanza.
Bityo, umuturage usaba ko urubanza rwe rurangizwa n'Urwego rw'Umuvunyi, yitwaza ibimenyetso bigaragaza ko yashyikirije ikibazo cye Abahesha b'Inkiko b'Umwuga cyangwa abatari ab'Umwuga bafite ububasha bwo kurangiza urubanza yatsinze, ariko abo Bahesha b'Inkiko bakaba batarubahirije inshingano zabo.

## KUKI URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHAWE UBUBASHA BWO KURANGIZA IMANZA?

Nk'uko bisanzwe, habaho imanza ari uko uburenganzira umuntu ahabwa n'amategeko bwahungabanyijwe. Uwitabaje ubutabera agahabwa uburenganzira bwe nk'uko amategeko abiteganya. Ubutabera rero ntibuba bwuzuye mu gihe uwatsinze urubanza atarahabwa uburenganzira yatsindiye cyane cyane ko byagaragaye ko hari abatsinze imanza ariko zikaba zitarangizwa kubera ko Abahesha b'Inkiko badashaka kuzirangiza cyangwa bazitinza.

Nk'uko bigaragara haruguru, Urwego rw'Umuvunyi mbere rwandikiraga Umuhesha w'Inkiko wagejejweho icyo kibazo rumusaba kurangiza urwo rubanza yagejejweho, atabikora agasabirwa ibihano ariko n'ubwo ibyo bihano byahabwaga Umuhesha w'Inkiko utarabaga yarangije urwo rubanza rw'umuturage, ntibyabaga bivuze ko akarengane umuturage yabaga yatewe n'uko urwo rubanza rutarangijwe gashize.
Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi rwahawe Ububasha bwo kurangiza imanza kugira ngo rurwanye akarengane ko kuba Inkiko zatanze ubutabera ariko umuturage ntabubone bitewe n'ubushake buke bw'Abahesha b'Inkiko baba ab'Umwuga cyangwa abatari ab'Umwuga banze kurangiza cyangwa batinza irangizwa ry'imanza.

## URWEGO RW'UMUVUNYI RUSHOBORA KURANGIZA IMANZA RWABURANYE

Itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 ryavuzwe haruguru, mu ngingo yaryo ya 14 rigaragaza ko: "Igihe rushinja ibyaha biri mu nshingano zarwo kandi hari umutungo wa Leta ugomba kugaruzwa n'indi mitungo ifitanye isano n'ikorwa ry'ibyo byaha, Urwego rufite ububasha bwo gutanga ikirego gisaba igaruzwa ry'uwo mutungo. Urwego rufite kandi ububasha bwo kugenzura igaruzwa ry'umutungo rwaregeye uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo."

Rushingiye ku bivugwa muri iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye n'izindi Nzego (Minisiteri y'Ubutabera, Polisi y'Igihugu n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga) rurangiza imanza rwaburanye hagamijwe kugaruza umutungo wa Leta uba watsindiwe muri urwo rubanza.
Nk'uko bisanzwe, umuturage waburanye na Leta iyo ayitsinze Leta imwishyura ibyo yatsindiye, Ni nako rero bikwiye kugenda mu gihe uwo muturage yagize ibyo atsindirwa na Leta, nawe agomba kwishyura Leta kuko nayo ifite ubwo burenganzira bwo kubona icyo yatsindiye.

Imanza zo kugaruza umutungo wa Leta ntabwo zitandukanye n'izindi manza, mu kuzirangiza hakurikizwa inzira zisanzwe zo kurangiza imanza. Umwihariko zifite ni uko Urwego rw'Umuvunyi rutabanza kureba niba hari urundi rwego zagejejweho kuko ruba ari umuburanyi muri urwo rubanza.

Imanza Urwego rw'Umuvunyi rwaburanye kugeza iyi nyandiko ikorwa rwazitsinze ku kigereranyo cya 80%. Izi manza zikaba zirimo amafaranga agomba kugaruzwa angana na 1,054,608,220 Frw. Ku bufatanye n'Inzego zavuzwe haruguru, Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye gahunda yo kurangiza izi manza no kugaruza umutungo wa Leta.

Ku mafaranga 1,054,608,220 Frw agaragara mu manza Urwego rw'Umuvunyi rwatsinze agomba kugaruzwa, angana na 179,099,444 Frw niyo amaze kugaruzwa agizwe na 106,500,000 Frw yagarujwe mu mwaka wa 2018-2019 na 72.599.444 Frw yagarujwe kuva ku itariki ya mbere Nyakanga 2019 kugeza hakorwa iyi nyandiko. Ku byerekeye amafaranga avuye mu kurangiza izo manza, nk'uko igikorwa ubwacyo cyitwa ni **ukurangiza imanza hagaruzwa umutungo wa Leta**, amafaranga agarujwe ahita ashyirwa mu isanduku ya Leta.

## URWEGO RW'UMUVUNYI RUBYITWARAMO GUTE IYO RUSANZE URUBANZA RWASHYIKIRIJWE N'UMUTURAGE RUDASHOBORA KURANGIZWA HASHINGIWE KU MIKIRIZE YARWO?

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 55 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, kuba urubanza rudashobora kurangizwa ni imwe mu mpamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma.

Nk'uko iyo ngingo ibivuga, Urwego rw'Umuvunyi rubanza gusesengura imikirize y'urubanza rukareba koko niba bidashoboka ko ishyirwa mu bikorwa. Imikirize y'urubanza ni yo yerekana ko urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije ibyo Urukiko rwategetse ko bishyirwa mu bikorwa. Ikindi kandi mbere y'uko urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane bitewe n'uko rudashobora kurangizwa, hagomba kugaragazwa raporo y'Umuhesha w'Inkiko wemeje ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa.

## UBUTUMWA BWIHARIYE URWEGO RW'UMUVUNYI RUTANGA KU BATURAGE BARUGANA BASABA KURANGIRIZWA IMANZA NO KU BAHESHA B'INKIKO

Abagana Urwego rw'Umuvunyi basaba kurangirizwa imanza barakangurirwa kubanza kugeza ikibazo cyabo ku Bahesha b'Inkiko b'Umwuga cyangwa abatari ab'Umwuga bafite ububasha bwo kurangiza imanza batsinze bakabasaba kuzirangiza, bitakorwa bakabona kugana Urwego rw'Umuvunyi. Hari gihe usanga umuturage yiyambaje Urwego rw'Umuvunyi nyamara nta rundi rwego yabanje gushyikiriza ikibazo cye ngo kinanirane. Ikindi twavuga ni uko umuturage usaba ko urubanza rwe rurangizwa n'Urwego rw'Umuvunyi, yitwaza ibimenyetso bigaragaza ko yashyikirije ikibazo cye Abahesha b'Inkiko b'Umwuga cyangwa abatari ab'Umwuga, ariko abo Bahesha bakaba batarubahirije inshingano zabo.

Hari abaturage usanga basobanurirwa impamvu imanza zabo zitarangijwe ntibabyumve ariko mu by'ukuri amakosa atari ay'Umuhesha w'Inkiko utarurangije. Urugero, twavuga nk'iyo uwatsinzwe adafite ubwishyu cyangwa umutungo wavamo ibyishyura amafaranga yatsindiwe. Nyamara usanga hari abaturage benshi bagana Urwego rw'Umuvunyi bavuga ko Abahesha b'Inkiko banze kubarangiriza imanza,ikibazo cyabo cyakurikiranwa bikagaragara ko Umuhesha w'Inkiko yabuze aho ubwishyu bwaturuka. Kuri bene ibi bibazo, abaturage barakangurirwa kudasiragira mu Nzego za Leta cyangwa ku Bahesha b'Inkiko baba ab'Umwuga cyangwa abatari ab'Umwuga kuko igihe uwatsinzwe adafite ubwishyu cyangwa imitungo ubwo bwishyu bwavamo, nta handi ubwishyu bwaturuka. Icyo gihe uwatsinze ategereza ko uwatsinzwe yabona ubwishyu cyangwa yabona imitungo ifatika ikaba yagurishwa ikavanwamo ubwo bwishyu.

## UBUTUMWA BWIHARIYE URWEGO RW'UMUVUNYI RUTANGA KU BAHESHA B'INKIKO

Abashinzwe kurangiza imanza muri rusange nabo barakangurirwa kuzirikana ko Umurimo bakora wo kurangiza imanza ari umurimo ukomeye usaba ubunyangamugayo n'ubushishozi. Bityo bakaba bakwiye kurangwa n'izo ndangagaciro mu bikorwa byabo bya buri munsi hirindwa imanza zishingiye ku kurangiza imanza mu buryo budakurikije amategeko. Ikindi ni uko uwahawe ubutabera n'inkiko bakwiye nabo kumuha ubutabera bamurangiriza urubanza nk'uko babifitiye ububasha. Nta mpamvu ihari yo kumarana urubanza amezi arenga atandatu rutararangizwa igihe nta mbogamizi yagaragajwe bahuye nayo. Bakwiye kandi kunoza imikoranire n'ababasabye kubarangiriza imanza, babaha amakuru yose agendanye na dosiye zabo no kubasobanurira imbogamizi bahuye nazo mu gihe zaba zihari.

***Umwanditsi: NZABAMWITA Anaclet***



# URUTONDE RW´ABAHAMWE BURUNDU N'IBYAHA BYA RUSWA KUVA MURI GASHYANTARE KUGERA MURI WERURWE 2019

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RPAA 00395/2018/CA | NTIYAMIRA Félix, mwene Ntiyamira François na Mukamutara Léoncie, wavutse mu 1979 | Gabo | Rwiyemezamirimo | Court of Appeal | Gutanga indonke y'amafaranga 1.000.000 | Igifungo cy'imyaka 8 no gusubiza Radiant Insurance Company Ltd amafaranga 700.000 |
| 2. | RPA 00705/2018/HC/KIG | NDORIMANA Edouard, mwene Habyarimana na Mukantwali | Gabo | Pastieri | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 150.000 | Igifungo cy'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 3. | RPA 00729/2018/HC/KIG | NYANDWI Daniel, mwene Kanyabikari Japhet na Karugwiza Damarice, wavutse mu 1986 | Gabo | Umuhinzi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 300.000 | Igifungo cy' imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 1.500.000 |
| | | MUNYAKAYANZA Emmanuel, mwene Harindintwari Cyriaque na Musaniwabo Bureriya, wavutse mu 1962 | Gabo | Umuhinzi | | | |
| 4. | RPA 00787/2018/HC/KIG | NSHIMIYIMANA Jean Baptiste, mwene Ruhamyankaka Yason na Ngezayo Ephrasie, wavutse mu 1980 | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 5. | RPA 00820/2018/HC/KIG | KAREMERA Ramadhan, mwene Ngwabije na Mukakimenyi, wavutse mu 1977 | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 7.500 | Igifungo cy' imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 6. | RPA 00839/2018/HC/KIG | TWAGIRAYEZU Alexandre, mwene Seromba Fidèle na Nyirahabyarimana | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy' umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| 7. | RPA 00730/2018/HC/KIG | RUZINDANA Jean Claude, mwene Ruzindana Jean Bosco na Mukamurara, wavutse mu 1988 | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy' imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 8. | RPA 00194/2018/HC/RSZ | NTAHONDEREYE Vincent, mwene Munyentwari Adrien na Mukandutiye Concessa | Gabo | Umuhinzi | HC Rusizi | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 9. | RPA 00309/2018/HC/RSZ | NDAYISENGA Emmanuel, mwene Semihari na Mukashema | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga indonke y'amafaranga 150.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 10. | RPA 00265/2018/HC/RSZ | HABIMANA Daniel, mwene Kureba Abraham na Mukangamije, wavutse mu 1979 | Gabo | Umucuruzi | HC Rusizi | Gutanga indonke y'amafaranga 235.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 470.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 11. | RPA00467/2018/ HC/RWG | MURWANASHYAKA Syltan, mwene Nsengiyumva Masudi na Nyirabitare Zubeda, wavutse mu 1973 | Gabo | Umuhinzi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 120.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 240.000 |
| 12. | RPA00240/2018/ HC/RWG | MBIREBE, mwene Karenzi Ildephonse na Uwimana Lea, wavutse mu 1984 | Gabo | Umuhinzi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 13. | RPA00348/2018/ HC/RWG | HABIMANA Donatien, mwene Murind-abigwi Reverien na Mukandemeye Venantie, wavutse mu 1997 | Gabo | Umucuruzi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 14. | RPA00350/2018/ HC/RWG | NZEYIMANA Emmanuel, mwene Nkubiri Francois na Nyirakigwene, wavutse mu 1990 | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy' imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| 15. | RPA/ECON 00010/2018/HC/ MUS | MUTAYOMBA BACUNAMENSHI J. Claude, mwene Bacunamenshi, wavutse mu 1982 | Gabo | Umuzamu | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 13.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 65.000 |
| 16. | RPA 00350/2018/ HC/MUS | SEMAHIRWE Eliab, mwene Miruho na N.Ntegeye | Gabo | - | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 17. | RPA 00447/2018/ HC/MUS | RWANGA Charles, mwene Mwarabu na Mukamwambutsa | Gabo | Umugenzacyaha | HC Musanze | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 18. | RPA/ECON 00011/2018/HC/ MUS | UWAMAHORO Julienne, mwene Ngirabatware na Nyirabwiza | Gore | Umucuruzi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 80.000 |
| 19. | RP 00681/2018/ TGI/GSBO | NZEYIMANA Jean Bosco, mwene Rwanzegushira na Mukarandura, utuye<br><br>Taba- Murama- Kinyinya- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 20. | RP/ECON 00023/2018/TGI/ GSBO | NYIRAHABIMANA Chantal, mwene Nsabimana Antoine na Nyirangwijuruvugo, utuye Nyagasozi- Gihinga- Gacurabwenge- Kamonyi- Amajyepfo | Gore | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 21. | RP/ECON 00001/2019/TGI/ GSBO | MURENZI Emmanuel, mwene Rumiya Augustin na Mukangwije Immaculée, utuye Gashyushya- Busanza- Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 22. | RP 00693/2017/ TGI/GSBO | KARANGWA Daniel, mwene Karangwa Tite na Mukakalisa Pelagie, utuye Amahoro- Amahoro- Muhima- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 23. | RPECON 00008/2019/TGI/NYGE | GATEBUKA Fidèle, mwene Kango na Mukandutiye Immaculée | Gabo | Umukozi wa Wasac | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 5 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 24. | RP 01069/2018/TGI/NYGE | RUTAREMARA Jean, mwene Semanyenzi Ezira na Mukarushema Getulde | Gabo | DASSO | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| 25. | RP 00300/2018/TGI/NYGE | MUNYANDAMUTSA Etienne, mwene Munyakazi na Nyirahagezubizi Belina, wavutse mu 1968 | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 26. | RP/ECON 00012/2019/TGI/NYGE | HABIYAREMYE Valentin, mwene Nzasabahandi Frederick na Nyirahabimana Fortunee | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 27. | RP/ECON 00001/2019/TGI/GIC | NTIBIZIGIRE Siméon, mwene Simbiga Paul na Mukarukara Nertia, wavutse mu 1973 | Gabo | Umukozi ushinzwe kurwanya ibiyobyabwenge | TGI Gicumbi | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 28. | RP/ECON 00002/2019/TGI/GIC | GAKWAYA Albert, mwene Mukarage na Adela, wavutse mu 1977 | Gabo | Umucuruzi | TGI Gicumbi | Gutanga indonke y'amafaranga 250.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 750.000 |
| | | MUGUNGA Desiré, mwene Mikwege Ignace na Nyirabutama Marie Ester, wavutse mu 1978 | Gabo | Umucuruzi | | | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 1.250.000 |
| 29. | RP/ECON 00006/2018/TGI/RSZ | NSHIMIYIMANA Jean Baptiste, mwene Zikamabahari Appolinaire na Nyirakajumba Cansilida, wavutse mu 1995 | Gabo | Umumotari | TGI Rusizi | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 30. | RPA 00166/2018/TGI/RSZ | MUHIZI Patrick, mwene Kabaya Jean Marie Vianney na Mukangwije Fausta, wavutse mu 1986 | Gabo | Umukozi ushinzwe amashyamba mu Mirenge ya Nzahaha na Rwimbogo | TGI Rusizi | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 400.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 800.000 |
| 31. | RP 00422/2017/TGI/MHG | KWIZERA Erneste, mwene Hakizamungu Canisius na Nyiramatama Esperance, wavutse mu 1987 avukira Rango-Karama- Kazo- Ngoma- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga indonke y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 32. | RP 00298/2018/TGI/RBV | HAKIZIMANA Théoneste, mwene Barawigirira na Mukankusi | Gabo | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali | TGI Rubavu | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 19.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 500.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 33. | RP/ECON 00024/2018/TGI/RBV | MAKUZA Jean Claude, mwene Bitegetsimana na Nyirahumure | Gabo | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali | TGI Rubavu | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 60.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 180.000 |
| 34. | RPA 00689/2018/HC/KIG | NDABAHAGAMYE Jean Baptiste, mwene Ndabahagamye Pierre na Niyitunga | Gabo | Umukozi ushinzwe ububiko bw'isukari | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 11.464.800 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 22.929.600 |
| 35. | RPA 00685/2018/HC/KIG | NTIHABOSE Bosco, mwene Kabanyana Prisca | Gabo | Umuhinzi | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 456.896 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 774.400 |
| | RPA 00703/2018/HC/KIG | MBARUBUKEYE Jean Bosco, mwene Nsengimana Celetin na Byagatonda Cancilide | Gabo | Umucuruzi | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 475.304 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 805.600 |
| 36. | RPA 00701/2018/HC/KIG | NKURUNZIZA Frederic, mwene Nyirinkwaya Vincent na Mukabutera Donatille | Gabo | Umuzamu | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 300.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 600.000 |
| 37. | RPA 00697/2018/HC/KIG | NSENGIYUMVA Xavier, mwene Mbonyizina na Nyirabarashi | Gabo | Umucuruzi | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 150.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 38. | RPA 00761/2018/HC/KIG | IRAGUHA Joseph, mwene Munyakazi na Nzabarankize | Gabo | Umurezi | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 75.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| | | UWABANDI Jean Marie Vianney, mwene Ryumugabe na Tindimutuma Joice | Gabo | Umujyanama mu by'ubuhinzi | | | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| 39. | RPA 00860/2018/HC/KIG | MUGABO Emmanuel, mwene Sebwitabure na Mukabarisa Mere | Gabo | Umukozi wa Bank | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 6.261.272 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 12.522.544 |
| 40. | RPA 00786/2018/HC/KIG | NSABAYEZU Emmanuel, mwene Twagirayezu Prosper na Uwimana Sperathe | Gabo | Umukozi wa MOB CASH | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 500.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 1.000.000 |
| 41. | RPA 00815/2018/HC/KIG | MWIZIHIRE Thimothee, mwene Rurangira Theogene na Bazarama | Gabo | Umukozi wa Give Directly Rwanda | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 18.019.950 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 36.039.900 |
| 42. | RPA 00816/2018/HC/KIG | NAYIHEMBIKI Jean Nepomuscene, mwene Mugenzi Gilbert na Nyirimpuhwe | Gabo | - | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 60.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 43. | RPA 00266-00271/2018/HC/KIG | MUKAGASHUGI Rachel, mwene Sebagenzi Fulgence na Mukamfizi Xaverine | Gore | Cashier wa SACCO IMBARUTSO | HC Kigali | Gutanga raporo irimo ibinyoma no gukoresha nabi ibitabo by` ibaruramari | Igifungo cy'amezi 6 asubitswe n'ihazabu y'amafaranga 2.000.000 |
| 44. | RPA 00196/2018/HC/RSZ | NSENGIYUMVA Job, mwene Nsengumuremyi na Bankundiye | Gabo | Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagali ka Karusimbi | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| 45. | RPA 00231/2018/HC/RSZ | MUVARA Jean Bosco, mwene Kanamugire Peter na Uwamurera Olive | Gabo | Umucungamutungo wa CAFERWA | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 8. 009.679 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 16.019.358 |
| 46. | RPA 00134/2018/HC/RSZ | MAOMBI Paulin, mwene Kadika Oscar na Murasandonyi | Gabo | Umusigire w'Umucungamutungo w'umurenge wa NKOMBO | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.274.404 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 2.548.808 |
| 47. | RPA/ECON00001/2018/HC/RSZ | NGARAMBE Michel, mwene Twagira na Mukangira wavutse mu 1980, avukira Muvunnyi- Gacaca- Rubengera- Karongi- Iburengerazuba | Gabo | Yari Umucungamali wa Company yitwa ROS | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 931.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 1.862.280 |
| 48. | RPA 00433/2018/HC/MUS | HABIMANA Naason, mwene Ruhitamo Jeredi na Bahenda Thabie | Gabo | Umwanditsi wa Koperative KOBIKA | HC Musanze | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.800.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |
| 49. | RPA/ECON 00002/2018/HC/MUS | BARABWIRIZA Ange Augustin, mwene Ndatira na N.Karimunda | Gabo | Umunyamuryango wa Koperative Tuzamurane Mpenge (KOTUM) | HC Musanze | Kunyereza umutungo w'amafaranga 10.087.231 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 20.174.462 |
| 50. | RP 00382/2018/TGI/GIC | UWIMANA Vicent, mwene Mutabaruka Elie na Itangishaka Lenatha, wavutse mu 1991 | Gabo | Umukozi w'irembo | TGI Gicumbi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 309.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 927.000 |
| 51. | RP 00401/2018/TGI/NYG | TUYIRINGIRE Innocent, mwene Mutazihara JMV na Nyirandinganire, wavutse mu 1997 | Gabo | Umushumba w'ihene | TGI Nyagatare | Kunyereza ihene 34 | Igifungo cy'imyaka 2 |
| 52. | RP00154/2018/TGI/RSZ | NDUNGUTSE Janvier, mwene Ndungutse Edouard na Uzayisenga Annonciatte, wavutse mu 1989 | Gabo | Umubaruramari | TGI Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 47.161.323 | Igifungo cy'imyaka 10 n'ihazabu y'amafaranga 141.483.969 |

**Abahamwe n'icyaha cya ruswa kuva mu Kwezi kwa Gashyantare kugera mu Kwezi kwa Werurwe 2019 ni abantu 56. Muri abo bahamwe n'icyaha, 53 bakaba ari igitsina gabo naho 3 ni igitsina gore.**

Ibisobanuro: TGI: Urukiko Rwisumbuye HC: Urukiko Rukuru

Dushingiye ku ngingo ya 4 (10º) y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi isaba Urwego rw'Umuvunyi gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe;

Dushingiye kandi ku Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, mu ngingo yaryo ya 2 agaka ka 2º igaragaza igisobanuro cya ruswa n'ibikorwa igaragariramo kuva kuri (a) kugera kuri (l);

Dutangaje urutonde rukurikira rw'abahamwe n'ibyaha byavuzwe haruguru n'ibihano bahawe kuva muri Gashyantare kugera muri Werurwe 2019.

**MUSANGABATWARE Clément**

**Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira**
**no Kurwanya Ruswa**
**Sé**

# TUMENYE ITEGEKO RYA RUSWA (IGICE CYA KABIRI)

Muri kinyamakuru Umuvunyi Magazine nomero iheruka twabagejejeho aho ruswa igaragarira n'inshingano z'inzego mu kuyikumira. Muri iyi nomero tugiye kurebera hamwe nanone impinduka ziri mu itegeko rishya ryerekeye kurwanya ruswa.

## Impinduka zazanywe n'itegeko rishya ryerekeye kurwanya ruswa ugereranyije n'iryacyuye igihe

- Mu itegeko rishya N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, umushingamategeko yazanyemo ikintu gishya kuko mu itegeko rya 2003 ibyitwaga ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo byahindutse ruswa nyirizina muri iri tegeko rishya, bihuzwa n'inyito ya CORRUPTION mu ndimi z'amahanga;
- Iri tegeko rishya ryafashe ibitarafatwaga nka ruswa biri mu byaha bisanzwe ribigira ibyaha bigomba gukurikiranwa nka ruswa: kunyereza umutungo, gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro, gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe;
- Hashyizwemo icyaha gishya cyo gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite (abuse of functions) hashingiwe ku masezerano Mpuzamahanga yo kurwanya ruswa;
- Ibyaha bya ruswa byavuye mu byaha bikomeye bishyirwa mu byaha by'ubugome Icyaha cy'ubugome ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze imyaka itanu, naho icyaha gikomeye ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5)].
- Icyaha cya ruswa cyagizwe kimwe mu byaha bidasaza;
- Ibyiciro by'abantu bagomba guhanwa by'intangarugero igihe bahamwe n'icyaha cya ruswa byarongerewe. Ibyo byiciro ni ibi bikurikira: Umucamanza, umukemurampaka, Umwanditsi w'urukiko, umushinjacyaha, umufasha w'umushinjacyaha, umwunganizi mu mategeko, intumwa ya Leta mu nkiko, umuhesha w'inkiko, umukozi wa Leta ushinzwe gusesengura imanza ku mpamvu z'akarengane, umukozi wa Leta ushinzwe gutanga ubufasha mu by'amategeko, umugenzacyaha cyangwa umuntu wahamagajwe mu nzego z'ubutabera nk'umuhanga;
- Hashyizwemo impamvu nkomezacyaha ku muyobozi, zitabaga mu itegeko rya 2003 aho bavuga ko iyo ibikorwa bigize ibyaha biteganywa n'itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa byakozwe n'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyeti sivili n'imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, uwo muyobozi ahanishwa igihano kinini giteganyijwe kuri icyo cyaha yakoze;
- Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye indonke, ubimenyesha inzego z'ubutabera mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira, atanga amakuru cyangwa agaragaza ibimenyetso. Ibi byakuyeho ya mvugo ngo "uwatanze ruswa n'uwayihawe bahanwa kimwe", kuko yatumaga abantu batinya gutanga amakuru ku byaha bya ruswa.

Mu Itegeko No 54/2018, ibitekerezo bishya byari byarazanywe n'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 byarongeye birashimangirwa:

- Umuntu watanze cyangwa wakiriye indonke mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso ku cyaha cya ruswa ntafatwa nk'uwakoze icyaha iyo yabimenyesheje inzego z'ubutabera mbere y'uko icyo cyaha gikorwa;
- Igihe uregwa ahamwe n'icyaha cya ruswa, urukiko rutegeka ubunyagwe bw'umutungo ukomoka ku cyaha cyangwa ibyakomotse kuri uwo mutungo.

## Umwanzuro

Hari ubushake bwa politiki bwo kurwanya ruswa, hari inzego zinyuranye zashyizweho zifite inshingano yo gukumira no kurwanya ruswa, hari amategeko amaze kuvugururwa, kurwanya ruswa ni urugamba kandi uruhare rwa buri wese rurakenewe.

Ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya ruswa mu biganiro bitandukanye burakomeje, guhana abakurikiranwaho ruswa na byo ntibyasigaye inyuma, abaturarwanda barasabwa gutanga amakuru kandi ku gihe kuri telefoni itishyurwa 199, SMS 1990, E-mail: rwanyaruswa@ombudsman.gov.rw.

**Urwego rw'Umuvunyi**

# Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abashinzwe itumanaho mu bigo bya Leta n'ibyigenga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.



*Abitabiriye amahugurwa ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru*

Tariki 6 Nzeri 2019, Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abakozi bashinzwe itumanaho n'itangazamakuru bakorera mu bigo bya Leta n'ibyigenga.

Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi Bwana MBARUBUKEYE Xavier atangiza aya mahugurwa ku mugaragaro yavuze ko abashinzwe gutanga amakuru mu bigo bya Leta n'Ibyigenga ari abafatanyabikorwa bw'Urwego rw'Umuvunyi mu gushyira mu bikorwa no kubahiriza Itegeko ryerekeye kubona amakuru.

Umunyamabanga Uhoraho yanibukije abitabiriye amahugurwa ko bakwiye gukomeza umuco wo gutangaza amakuru ku mbuga z'ibigo bakorera kugira ngo ukeneye amakuru ahite ayabona Atari ngombwa ko yiriwe ayasaba.
MUGENI Cecile, Umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi watanze ikiganiro yasobanuye ko ari inshingano z'ikigo kugira umuntu ugomba gutanga amakuru ndetse ko itegeko risobanura neza iminsi amakuru atangwamo ndetse n'inzira umuntu anyuramo yirenganuza mu gihe atahawe amakuru.

Ubusanzwe itegeko N° 04/2013 ryo ku wa 8 Gashyantare 2013 ryerekeye kubona amakuru, rigamije gutuma abaturage n'abanyamakuru babona amakuru yo mu nzego za Leta no mu nzego zimwe z'abikorera. Iryo tegeko rishyiraho inzira n'uburyo biteza imbere itangazwa n'ikwirakwizwa ry'amakuru.

Nk'uko bitangazwa mu Igazeti ya Leta N° 10 yo ku wa 11 Werurwe 2013, umutwe wa kabiri w'iryo tegeko, buri muntu wese afite uburenganzira bwo kubona amakuru afitwe n'Urwego rwa Leta na zimwe mu nzego z'abikorera.

# Zimwe mu ngingo z'iri tegeko zerekeye gusaba amakuru no kuyabona

Umutwe wa Gatandatu w'itegeko ryerekeye kubona amakuru, ingingo ya 8, itegeko rivuga ko urwego rwa Leta rushyiraho cyangwa rukagena umukozi ushinzwe amakuru kuri urwo rwego no ku ishami ryarwo, ariko iyo rihari, kugira ngo rushobore kugeza amakuru ku bantu bayasaba hakurikijwe iri tegeko.

Iyo ngingo igira iti "Iyo umukozi ushinzwe kuyatanga adahari, urwego cyangwa ishami ryarwo biteganya umusimbura." Ibi bisobanuye ko ntawe ugomba kubura amakuru akeneye hitwajwe ko ushinzwe kuyatanga adahari.

Ku birebana n'isabwa ry'amakuru, ingingo ya 9 y'iri tegeko ivuga ko amakuru asabwa n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu mu rurimi urwo ari rwo rwose mu zemewe n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryatowe mu 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; hakoreshejwe imvugo, inyandiko, telefoni, ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bitabangamiye ibiteganywa n'iryo tegeko.

Iyi ngingo ikomeza igaragaza ko usaba amakuru ari we ugaragaza uburyo yifuza kuyabonamo, ariko iyo burenze ubushobozi bw'urwego rusabwa kuyatanga, uyasaba yishyura ikiguzi kijyanye n'uburyo ayifuzamo. Aha bitavuze ko amakuru agurishwa ahubwo hishyurwa serivisi itanzwe iyo ikigo kitayifitiye ubushobozi igakorerwa ahandi ku kiguzi.

Nk'uko ingingo ya 10 y'iri tegeko ikomeza ibigaragaza, gutanga amakuru ni inshingano itagomba ikiguzi. Ariko na none bitewe n'uburyo agomba gutangwamo, ikiguzi cya kopi cyangwa icyo kuyohereza cyishyuzwa uyasabye.

Mu ngingo ya 11, itegeko rigaragaza ko umukozi ushinzwe gutanga amakuru iyo ayasabwe afata icyemezo akurikije ubwihutirwe bwayo, ariko kandi isabwa ryayo rishobora kwemerwa cyangwa ntiryemerwe. Iyo ritemewe hatangwa ibisobanuro bishingiye ku mategeko.



*Umwe mu bahuguwe ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru abaza ikibazo*



***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***

# IGIKORWA CY'IMENYEKANISHAMUTUNGO KU URWEGO RW'UMUVUNYI (IGICE CYA KABIRI)

## I. IBIKWA RY'INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Inyandiko zigaragaza imitungo zibikwa mu ibanga rikomeye ku buryo ibikubiyemo bimenywa gusa na bene zo n'abashinzwe kuzakira.

Iyo bibaye ngombwa, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Umushinjacyaha Mukuru, babisabye mu nyandiko Umuvunyi Mukuru cyangwa Biro y'Umutwe wa Sena, bashobora kwerekwa inyandiko igaragaza umutungo w'ukurikiranwaho icyaha kugira ngo hakorwe iperereza. Icyakora, iyo ari Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Umushinjacyaha Mukuru bireba, inyandiko zisabwa n'ababungirije.

## II. Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo n'ibihano byo mu rwego rw'akazi

Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo ni akurikira:

1. Kudatanga imenyekanishamutungo;
2. Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bitagambiriwe.

Mu gihe aya makosa akozwe ku nshuro ya mbere, Urwego rusaba umuntu wayakoze gusubiramo imenyekanishamutungo.

Iyo ayo makosa akozwe inshuro zirenze imwe, Urwego rusaba Umukoresha gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi ku mukozi wayakoze mu buryo bukurikira:

- **Ku nshuro ya kabiri: Kugawa**
- **Ku nshuro ya gatatu: Gukatwa kimwe cya kane (1/4) cy'umushahara w'ukwezi kumwe**
- **Ku nshuro ya kane: Kwirukanwa ku kazi**

Iyo amakosa y'imenyekanishamutungo yakozwe n'Umuyobozi ugengwa n'Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000Frw).

Iyo habayeho kongera gukora iryo kosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni (1.000.000Frw) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000Frw).

Ibi bihano bitangwa n'Urwego rw'Umuvunyi, amafaranga y'ihazabu agashyirwa mu isanduku ya Leta.

## IGENZURA RY'UMUTUNGO WAMENYEKANISHIJWE

Buri mwaka Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura ry'umutungo ku bantu rwatoranije baturuka mu Nzego za Leta zinyuranye hashingiwe ku bantu bakora mu myanya ishobora guhura na ruswa, ku makuru yatanzwe cyangwa kuri raporo zatanzwe n'izindi Nzego (Urugero: Office of The Auditor General). Igikorwa cy'igenzura kigamije kureba inkomoko y'imitungo yamenyekanishijwe no kureba niba nta mitungo itaramenyekanishijwe ku Rwego rw'Umuvunyi hagereranywa iyamenyekanishijwe n'iyagaragaye nk'imitungo ye hagamijwe kugaragaza icyaha cyaba cyarakozwe cyo kudasobanura inkomoko y'umutungo mu buryo bwemewe n'amategeko.

## Uko kugenzura umutungo bikorwa

Hashingiwe ku imenyekanishamutungo ryakozwe, igenzura rikorwa mu buryo bukurikira:

- Gusesengura no kugereranya imitungo yamenyekanishijwe mu myaka itatu hagamijwe kureba uko imitungo y'Abayobozi n'Abakozi bireba yiyongera;
- Guhura n'abagenzurwa hagamijwe kumenya ubuzima bwite bwabo no gutanga ibisobanuro ku mitungo igenzurwa;
- Gusura imitungo aho iherereye;
- Gusaba amakuru muri Banki n'ibindi Bigo by'imari;
- Gushaka amakuru mu zindi Nzego ku bijyanye n'umutungo w'ugenzurwa;
- Gutegura raporo y'igenzura.


Iyo igikorwa cy'igenzura kigaragaje ko hari imitungo uwagenzuwe adashobora gusobanura inkomoko yayo yemewe n'amategeko, iperereza riratangira; haboneka ibimenyetso bifatika byo kudasobanura inkomoko y'umutungo bishobora kwerekana ibyaha byo kwigwizaho umutungo, iyezandonke cyangwa ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rugakora dosiye igashyikirizwa Ubushinjacyaha ngo buyifatire umwanzuro.



***Umwanditsi: MWISENEZA Jeanne d'Arc***

# INKURU ISHUSHANYIJE

## GUHABWA AMAKURU NI UBURENGAZIRA KU MUTURAGE




URWEGO RW'UMUVUNYI RURAMENYESHA ABATURAGE N'ABANYAMAKURU KO GUHABWA AMAKURU ARI UBURENGANZIRA BWABO MU GIHE AYO MAKURU ATARI IBANGA BITYO RUKABA RUSHISHIKARIZA UWABA AFITE IKIBAZO CYO KUDAHABWA AMAKURU KURUGANA KU CYICARO CYARWO GIHEREREYE KIMIHURURA/KU KABINDI CYANGWA AGAHAMAGARA KU MURONGO UTISHYURWA 199.
IBI MWE MWARI MU BIZI RA?
REKA NARINZI KO UMUYOBOZI ABAZWA NABANYAMAKURU GUSA!


REKA NARINZI KO UMUYOBOZI ABAZWA NABANYAMAKURU GUSA!
ABAYOBOZI BAJYAGA BATWIMA AMAKURU KANDI ATARI AMABANGA
RURIBUTSA KANDI ABAYOBOZI KO GUTANGA AMAKURU KU BANYAMAKURU N'ABATURAGE MU GIHE ATARI IBANGA BIRI MU NSHINGANO ZABO KUKO HARI IBIFASHA ABATURAGE MU KWITEZA IMBERE MU MIBEREHO YABO.

URWEGO RW'UMUVUNYI

# RUSWA NI UMWANZI W'ITERAMBERE






BP 6269 Kigali - Rwanda
Tel: +250 587308/09, Fax: 587182
Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw
www.omubdsman.gov.rw